

**AMABWIRIZA NO 001/MINISPOC/2017 YO KU WA 16/02/2017 AGENGA IRERERO
RYA SIPORO**

Minisitiri wa Siporo n’Umuco;

Amaze kubona ko ari ngombwa gushyiraho ibisabwa ndetse n’umurongo ngenderwaho mu gushinga irerero rya siporo;

Amaze kandi kubona ko hakenewe imikoranire n’uburyo bukurikizwa mu gucunga irerero no guhererekanya abakinnyi hagati y’irerero rya siporo n’Amakipe abifuza;

Ashingiye kuri Politiki y’Iterambere rya Siporo mu Rwanda yo muri Werurwe 2013;

Ashingiye kuri gahunda ya Guverinoma y’imyaka irindwi 2010-2017, muri porogaramu yayo ya gatanu (5) mu gace ka 214;

Ategetse:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agamije kugaragaza imiterere, imitunganyirize n’imikorere y’amarerero ya siporo. Anagena kandi imiterere n’imikorere by’amarerero ya siporo.

Ingingo ya 2: Abo aya mabwiriza areba

Aya mabwiriza areba aba bakurikira:

- 1° Umukinnyi wese uri cyangwa wifuza kujya mu irerero rya siporo;
- 2° Umuntu wese ufite Irerero rya siporo;
- 3° Umuntu wese wifuza kurerera mu irerero rya siporo;
- 4° Amakipe afite cyangwa yifuza gushinga irerero rya siporo;
- 5° Umuntu wese wifuza gushora imari mu irerero rya siporo;

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by’amagambo

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **“irerero rya siporo”**: Ikigo gihurizwamo abakinnyi b’ibyiciro by’ imyaka itandukanye cyigisha siporo n’imikino itandukanye, hagamijwe kubafasha gutezura no guteza imbere impano, gukurikira neza amasomo no kugira ubuzima buzira umuze;

2° **irerero rya siporo ry'icyiciro cy'ibanze**": Ikigo gihurizwamo abakinnyi b'ibyiciro by'imyaka bitandukanye kuva ku myaka 6 kugeza ku myaka 12 bigishwa imikino itandukanye hagamijwe kubafasha gukurikira amasomo yo mu byiciro bitandukanye;

3o **"irerero rya siporo ry'icyiciro cyisumbuye"**: Ikigo gihurizwamo abakinnyi bari hagati y'imyaka 12 na 17 y'amavuko, bagaragaza impano zihariye mu mukino umwe hagamijwe kubategura kuzaba abakinnyi babigize umwuga.

UMUTWE WA II: INTEGO, IMITERERE, IMIKORERE N'IMITUNGANYIRIZE Y'IRERERO RYA SIPORO

Icyiciro cya mbere: Intego n'imiterere by'irerero rya siporo ry'icyiciro cy'ibanze

Ingingo ya 4: intego z'Irerero rya siporo ry'icyiciro cy'ibanze

Irerero ry'icyiciro cy'ibanze rigamije:

1. gufasha abakinnyi kwimenyereza imikino itandukanye no kubigisha indangagaciro za siporo
2. guteza imbere imikino itandukanye
3. gutegura amarushanwa y'imyitoto ajoyanye na buri cyiciro cy'imyaka hagendewe ku mategeko agenga Ingaga iyo mikino ibarizwamo.

Irerero rya siporo ry'icyiciro cy'ibanze rishobora gukora rigamije inyungu hagendewe ku mategeko ya siporo akurikizwa mu gihugu.

Ingingo ya 5: Ibisabwa irerero rya siporo ry'icyiciro cy'ibanze

Kugira ngo Irerero rya siporo ry'icyiciro cy'ibanze ryemererwe gukora rigomba kuba ryujuje ibi bikurikira:

- 1° Kuba rifite ubuzima gatozi;
- 2° Kuba rifite inzego z'ubuyobozi;
- 3° Kuba rifite amategeko ngengamikorere na ngengamyitwarire rigenderaho;
- 4° Kuba rifite aho rikorera hazwi;
- 5° Kuba rifite umutungo rigaragaza aho uturuka n'uburyo bwo kuwucunga bunoze;
- 6° Kuba rifite gahunda y'ingamba z'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa ya buri mwaka;
- 7° Kuba rifite ikibuga cy'imyitoto n'ibikoresho bwite;
- 8° Kuba rifite abatoza babihuguwemo;
- 9° Kwakira umwana asanzwe ari umunyeshuri ufite kuva ku myaka 6 kugeza kuri 12;
- 10° Kuba rifitanye amasezerano y'imikoranire n'ikigo cy'ishuri mu gutanga amasomo rusange;

- 11° Kuba umukinnyi wakirwa mu irerero rya siporo aturuka mu birometero bitarenze makumyabiri (20km) ava cyangwa ajya aho akorera imyitozo
- 12° Kuba umukinnyi afite icyemezo cya muganga wemewe kigaragaza ko afite ubuzima bwiza;
- 13° Kugira ubwishingizi bw'ubuzima n'ubwimpanuka ku bakinnyi n'abakozi bose b'irerero;
- 14° Kugira igitabo cyandikwamo abakinnyi n'abakozi b'irerero rya siporo;
- 15° Kuba rigendera ku mategeko agenga urugaga rw'umukino ribarizwamo;
- 16° Kugaragaza umubare ntarengwa w'abakinnyi bashobora kwakirwa mu irerero rya siporo hagendewe ku bushobozi bwaryo, ku mubare w'abatoza n'ingano y' ibikoresho irerero rya siporo rifite;
- 17° Kugaragaza gahunda n'amasaha y'imyitozo n' iy'amarushanwa ku bakinnyi bakiri bato n'ikiruhuko bagenerwa;
- 18° Kugaragaza inshingano z'irerero rya siporo, iz'umubyeyi cyangwa umurezi w'umwana, n'iz'umukinnyi;
- 19° Kugira amasezerano yashyizweho umukono n'umubyeyi, umurezi w'umwana, umwana, cyangwa undi muntu umuhagarariye wemewe n'amategeko n'uhagarariye irerero rya siporo.

Icyiciro cya 2: Intego n'imiterere by'irerero rya siporo ry'icyiciro cyisumbuye

Ingingo ya 6: Ibyiciro bigize irerero rya siporo ry'icyiciro cyisumbuye

Irerero rya siporo ry'icyiciro cyisumbuye rishobora kuba rigizwe n'icyiciro kimwe cyangwa ibyiciro byinshi ariko buri cyiciro kigomba kuba gifite gahunda y'imyitozo n'abatoza bihariye.

Ingingo ya 7: Ibisabwa irerero rya siporo ry'icyiciro cyisumbuye

Kugira ngo Irerero rya siporo ry'icyiciro cyisumbuye ryemererwe gukora risabwa kuba ryujuje ibi bikurikira:

- 1° Kuba rifite ubuzima gatozi;
- 2° Kugira inzego z'ubuyobozi;
- 3° Kuba rifite amategeko ngengamikorere na ngengamyitwarire;
- 4° Kuba rifite aho rikorera hazwi;
- 5° Kuba rifite umutungo rigaragaza aho uturuka n'uburyo bwo kuwucunga bunoze;
- 6° Kuba rifite ubuyobozi bwa tekini, umucungamutungo n'umunyamabanga;
- 7° Kugira ingamba z'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa ya buri mwaka;
- 8° Kuba rifite nibura abatoza babiri (2) bafite impamyabumenyi y'ubutoza y'ibanze yemewe n'urugaga rugenga Siporo iryo rerero rya siporo riteza imbere zitangwa n'Urugaga mpuzamahanga rugenga iyo siporo;
- 9° Kuba rifite umuganga, ushinzwe imibereho y'abakinnyi, n'ushinzwe gutegura abakinnyi mu mutwe;

- 10° Kwakira umukinnyi usanzwe ari umunyeshuri ufite imyaka 12 kugeza kuri 17 y'amavuko;
- 11° Kugaragaza umubare ntarengwa w'abakinnyi bashobora kwakirwa mu irerero hagendewe ku bushobozi, umubare w'abatoza n'ibikoresho;
- 12° Kuba abakinnyi bacumbikiwe kandi bafite aho bafatira amafunguro hujuje ubuziranenge;
- 13° Kugira ubwishingizi bw'ubuzima n'ubw'impanuka ku bakinnyi n'abakozi bose b'irerero rya siporo,
- 14° Kuba rifite ikibuga bwite cy'imyitoto n'ibikoresho bihagije ;
- 15° Kuba rifite abandi bakozi bahagije kandi babifitiye ubushobozi;
- 16° Kugira igitabo kigaragaza urutonde rw'abakinnyi n'uburyo bwo kubika amakuru yose mu buryo bw'ikoranabuhanga;
- 17° Kugira gahunda y'umwaka y'imyitoto n'iy'amarushanwa.
- 18° Kugaragaza gahunda y'imyidagaduro mu gihe cy'ikiruhuko n'uburyo bakurikiranwa mu gihe batari mu myitoto;
- 19° Kugira gahunda igaragaza uburyo bwo kubonera abarangije mu irerero amakipe bazakomerezamo;
- 20° Kuba umukinnyi afite icyemezo cy'ubuzima bwiza gitangwa na muganga wemewe na Leta mbere yo kwemererwa kwinjira mu irerero rya siporo;
- 21° Kugira umukozi ushinze gukurikirana imibereho n'ubuzima bw'abakinnyi umunsi ku munsi
- 22° Kugira amasezerano yashyizweho umukono n'umubyeyi, umurezi w'umwana, umwana, cyangwa undi muntu umuhagarariye wemewe n'amategeko n'uhagarariye irerero rya siporo.

Ingingo ya 8: Intego z'irerero rya siporo ry'icyiciro cyisumbuye

Irerero rya siporo ry'icyiciro cyisumbuye rigamije:

- 1° gutegura abakinnyi gukina by'umwuga;
- 2° gutanga imyitoto igamije gutegura abakinnyi b'umwuga bagaragaje impano zihariye mu mukino;
- 3° gutegura amarushanwa y'imyitoto ajyanye na buri cyiciro cy'imyaka hagendewe ku mategeko agenga Urugaga uwo mukino ubarizwamo.

UMUTWE WA III: IMIKORERE Y'IRERERO RYA SIPORO

Ingingo ya 9: Kwemererwa kw'irerero rya siporo n'icyemezo cy'agateganyo

Irerero rya siporo ry'icyiciro cy'ibanze n'iryicyiciro cyisumbuye ryujuje ibisabwa ryandikira Urugaga rifite uwo mukino mu nshingano risaba kwemererwa gukora. Icyemezo cyo gukora kw'irerero rya siporo gitangwa n'Urugaga rugenga umukino hamaze gukorwa igenzura na raporo yanditse ku bisabwa kugira ngo irerero rya siporo ryemererwe gukora.

Urugaga rutanga icyemezo cy'agateganyo kimara umwaka umwe (1) ushobora kongerwa inshuro imwe (1) gusa bibaye ngombwa.

Ingingo ya 10: icyemezo cya burundu gihabwa irerero rya siporo

Icyemezo cya burundu gitangwa na Minisitiri ufite siporo mu nshingano nyuma y'imyaka ibiri irerero rya siporo ryemerewe gukora kandi hamaze gukorwa igenzura na raporo ku mikorere yaryo.

Minisitiri ufite siporo mu nshingano atanga icyemezo ashingiye ku myanzuro no kuri raporo ya komisiyo tekini igizwe n'aba bakurikira:

- 1o umukozi wa Minisitiri ifite siporo mu nshingano
- 2o umukozi ushinze siporo muri Minisitiri y'Uburezi
- 3o umukozi ushinze siporo mu Karere irerero rya siporo ribarizwamo
- 4o Umukozi uhagarariye urugaga rw'imikino irerero rya siporo ribarizwamo.

Komisiyo tekini ishobora kandi kwifashisha izindi nzobere muri siporo mu gihe bibaye ngombwa.

Ingingo ya 11: Kwamburwa uburenganzira bwo gukora nk'irerero rya siporo

Iyo Irerero rya siporo ridakurikije amategeko n'amabwiriza arigenga, Komisiyo ishinze gukurikirana imikorere y'irerero rya siporo ibikorera raporo ikayishyikiriza urugaga rushinze siporo iryo rerero ribarizwamo, ikagera kopi Minisitiri ufite siporo mu nshingano.

Mu gihe raporo ivugwa mu gika cya mbere muri iyi ngingo igaragaza ko hari ibigomba gukosorwa, hatangwa igihe cy'iminsi mirongo itatu (30) ngo bikosorwe, iyo bitubahirijwe, Minisitiri ufite siporo mu nshingano afata icyemezo cyo kwambura burundu uburenganzira bwo gukomeza gukora imirimo nk'irerero rya siporo.

Ingingo ya 12: Gahunda ngenderwaho y'irerero rya siporo

Irerero rya siporo rigomba kuba rifite ibitabo n'izindi nyandiko zigaragaza gahunda y'imyitoto, iy' amarushanwa n'iy'ikiruhuko cy'abakinnyi mu gihe cy'umwaka w'imikino.

Ingingo ya 13: Kwinjira no gusohoka mu Irerero rya siporo

Buri rerero rya siporo rigira amategeko ngengamikorere agaragaza uburyo abakinnyi bemerwa kwinjira no gusohoka muri iryo rerero rya siporo.

Amasezerano ashirwaho umukono n'abo bireba bese agaragaza ibi bikurikira:

- 1o Inshingano n'uruhare rwa buri ruhanda;
- 2o Iburyo umukinnyi ashobora kwinjira cyangwa gusohoka mu irerero rya siporo;
- 3o Ibyo buri ruhanda rugenerwa mu gihe umukinnyi aguzwe cyangwa atanzwe mu Ishyirahamwe cyangwa mu rindi rerero

4₀ Igihe amasezerano y'umukinnyi mu irerero rya siporo atangirira n'igihe azarangirira.

Ingingo ya 14: Icyangombwa cy'umukinnyi wo mu irerero rya siporo

Umukinnyi ubarizwa mu irerero rya siporo agomba kugira icyangombwa gitangwa n'ubuyobozi bw'irerero rya siporo abarizwamo kiriho umukono w'umubyeyi cyangwa urera umwana mu buryo bwemewe n'amategeko ndetse n'uw'umukinnyi kandi bikemezwa n'urugaga rukuriye uwo mukino.

Ingingo ya 15: Kwandikisha abakinnyi mu marushanwa

Nta mukinnyi wemerewe kwiwandikisha, kubarurwa no gukina mu marushanwa arenze rimwe mu yateguwe n'Ishyirahamwe ry'umukino cyangwa Urugaga abarizwamo mu gihe kimwe cyangwa mu cyiciro kimwe cy'imyaka.

Ingingo ya 16: Ububasha bw'irerero rya siporo ku mukinnyi

Irerero rya siporo rifite ububasha busesuye ku mukinnyi uribarizwamo hakurikijwe ibikubiye mu masezerano yashyizweho umukono n'impande zose bireba mu gihe cyose giteganyijwe muri ayo masezerano.

Nta rerero rya siporo ryemerewe gutwara umukinnyi w'irindi rerero no kumukinisha hatabaye ubwumvikane hagati y'impande zombi.

UMUTWE WA IV: GUSOZA IRERERO RYA SIPORO NO GUHEREREKANYA ABAKINNYI

Ingingo ya 17: Gusoza icyiciro mu irerero rya siporo

Mu gihe cyagenwe cyo gusoza icyiciro cy'ibanze cyangwa cyisumbuye mu irerero rya siporo, umukinnyi ahabwa icyangombwa cy'ikipe abarizwamo kigaragaza ko yarangiye amasezerano. Umukinnyi ushoje amasezerano ashobora gukinira irerero cyangwa ishyirahamwe iryo ari ryo ryose ku bwumvikane kandi hagendewe ku masezerano yashyizweho umukono n'impande zombi.

Ingingo ya 18: Gutanga indezo mu irerero rya siporo

Umukinnyi ushatse kuva mu irerero rya siporo mbere y'igihe giteganyijwe mu masezerano abisaba irerero rya siporo abarizwamo mu nyandiko.

Mu gihe irerero rya siporo umukinnyi abarizwamo rimwemereye kuvamo, rimuha icyemezo kimwemerera kwimukira mu rindi rerero rya siporo cyangwa ishyirahamwe kiriho umukono w'umuyobozi w'irerero rya siporo avuyemo.

Mu gihe umukinnyi atanzwe mu ikipe imugenera umushahara buri kwezi cyangwa akina nk'uwabigize umwuga, buri rerero rya siporo ryose yarerewemo byemewe n'amategeko kuva afite imyaka 12 rihabwa indezo hagendewe ku mategeko mpuzamahanga agenga igura n'igurisha ry'abakinnyi babigize umwuga.

Ingingo ya 19: Ihererekanya ry'abakinnyi

Irerero rya siporo, umubyeyi w'umukinnyi cyangwa umuhagarariye byemewe n'amategeko bashobora gushakira ikipe umukinnyi uri mu irerero rya siporo no gushyira umukono ku masezerano igihe agiye mu ikipe y'ababigize umwuga hagendewe kandi hubahirijwe amategeko mpuzamahanga agenga igura n'igurishwa ry'abakinnyi babigize umwuga.

Umuntu wese wemewe gushakira abakinnyi amakipe mu buryo bwemewe n'amategeko ashobora gushakira ikipe umukinnyi uri mu irerero rya siporo aho akina nk'uwabigize umwuga, abisabwe n'umubyeyi w'umukinnyi cyangwa umuhagarariye byemewe n'amategeko kandi hagenewe ku mategeko mpuzamahanga agenga ihererekanya, igura cyangwa igurishwa ry'abakinnyi babigize umwuga.

Nta ruhanda na rumwe mu bashyize umukono ku masezerano rwemerewe kubuza umukinnyi kuva cyangwa kujya mu rindi rerero ndetse no gushyira umukono ku masezerano nk'uwabigize umwuga mu gihe cyose bitanyuranyije n'amategeko ndetse n'amasezerano yashyizweho umukono n'impande zombi cyangwa amategeko mpuzamahanga agenga igura n'igurisha ry'abakinnyi babigize umwuga.

Ingingo ya 20: Ubukemurampaka mu ihererekanya ry'abakinnyi

Mu gihe havutse impaka ziturutse ku ihererekanya ry'abakinnyi n'irerero rya siporo, zikemurwa ku bwumvikane bw'impande zombi.

Mu gihe izo mpande zidashoboye kumvikana, hiyambazwa amategeko y'urugaga rugenga umukino iryo rerero rya siporo ribarizwamo.

Mu gihe inzira zose zavuzwe haruguru zinaniranye, hifashishwa amategeko mpuzamahanga agenga umukino irerero rya siporo ribarizwamo.

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo zivanweho.

Ingingo ya 22: Igihe aya mabwiriza atangira gushyirwa mu bikorwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu ashyirweho umukono.

Bikorewe i Kigali, ku wa 16/02/ 2017

(sé)

UWACU Julienne

Minisitiri wa Siporo n'Umuco

Official Gazette n°19 yo ku wa 08/05/2017